MICT-12-25
25/08/2014
(18 - 1/492bis)

18/492bis
ZS

UMURYANGO
W'ABIBUMBYE

Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo
y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga

| | |
|---|---|
| Urubanza N°: | MICT-12-25 |
| Itariki: | 16 Nyakanga 2014 |
| Umwimerere: | Icyongereza |

**Umucamanza:** Theodor Meron, Perezida

**Gerefiye:** John Hocking

**POROKIRERI**

**Aburana na:**

**JEAN UWINKINDI**

INYANDIKO YASIBWEMO IBIGOMBA KUGIRIRWA IBANGA

**RAPORO Y'UBUGENZUZI IREBANA NA KAMENA 2014**

Received by the Registry
Mechanism for International Criminal Tribunals
25/08/2014 13:01

# AMASHAKIRO

I. INTANGIRIRO ..... 3
II. RAPORO IRAMBUYE ..... 3
*A. Umubonano n'umushinjacyaha* ..... 3
*B. Imirimo ijyana n'iburanisha* ..... 4
C. *Umubonano na Uwinkindi* ..... 12
*D. Umubonano n'Umukuru w'Ishami ryita ku batangabuhamya* ..... 14
E. *Umubonano n'Umuyobozi wa gereza* ..... 15
F. *Umubonano n'Avoka wungirije* ..... 15
G. *Igitekerezo bwite cy'umugenzuzi* ..... 16
III. UMWANZURO ..... 18

# I. INTANGIRIRO

1. Iyi raporo y'ubugenzuzi irebana n'ibyakozwe mu rubanza rwa Uwinkindi mu bucamanza bw'u Rwanda, n'imibonano umugenzuzi washyizweho n'Urwego Rushinzwe Kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (« Urwego ») yagiranye n'abantu banyuranye barebwa n'ikibazo, mu kwezi kwa Kamena 2014 (« Igihe kirebwa na raporo »).

2. Mu gihe kirebwa na raporo, umugenzuzi washyizweho (ari we Jelena Gudurić – « umugenzuzi ») yagiye mu Rwanda rimwe.

3. Umugenzuzi yabonanye n'aba bakurikira: Uwinkindi, avoka umwunganira wungirije, umushinjacyaha, umukuru w'Ishami rishinzwe kwita ku batangabuhamya ukorera mu Rukiko rw'ikirenga, n'umuyobozi wa gereza.

4. Mu maburanisha abiri yabaye muri iki gihe gikorwaho raporo, ubushinjacyaha bwakomeje gutanga impinamyanzuro yo mu ikubitiro[1]. Iburanisha rizasubukurwa ku itariki ya 2 Nyakanga 2014, ubwo Urugereko ruzumva abatangabuhamya bose basabye ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano wabo kugira ngo rufate icyemezo ku byifuzo byabo.

5. Ibyakozwe byose mu gihe kirebwa n'iyi raporo bisobanurwa mu buryo burambuye hano hasi.

# II. RAPORO IRAMBUYE

## *A. Umubonano n'umushinjacyaha*

1. Ku itariki ya 3 Kamena 2014, umugenzuzi yabonanye n'umushinjacyaha Jean-Bosco Mutangana.

[1] Kugeza ubu Urugereko rumaze kuburanisha inshuro enye, ku itariki ya 14 n'iya 15 Gicurasi 2014, no ku ya 4 n'iya 12 Kamena 2014. Itangwa ry'ibimenyetso ntiriratangira.

2. Mutangana yavuze ko mu iburanisha ritaha, ubushinjacyaha buzakomeza gutanga impinamyanzuro yo mu ikubitiro yabwo, harimo n'incamake y'ubuhamya buzatangwa n'abatangabuhamya. Mutangana ateganya ko mbere y'uko icyiciro cy'itangwa ry'ibimenyetso gitangira n'abatangabuhamya bagatangira kuza gutanga ubuhamya, hazabaho kumva izindi ngingo z'ababuranyi mu magambo, hagamijwe gukemura ibibazo byaba bikiriho. Kuri iki kibazo, Mutangana yavuze ko Ubwunganizi bwatanze imyanzuro y'inyongera busubiza impinamyanzuro yo mu ikubitiro y'Ubushinjacyaha. Mu byo Ubwunganizi buvuga muri iyo myanzuro hakaba harimo n'ikibazo kerekeranye n'amateka ya jenoside. Ku birebana no kugena ingengabihe y'amaburanisha ataha mu rubanza rwa Uwinkindi, Mutangana avuga ko ikiruhuko cy'abacamanza gisanzwe cyo mu mpeshyi cy'iminsi 30 kizatangira ku itariki ya 1 Kanama 2014.

## ***B. Imirimo ijyana n'iburanisha***

3. Mu gihe kirebwa na raporo, Urugereko rwaburanishije kabiri, ku itarikki ya 4 n'iya 12 Kamena 2014[2]. Amaburanisha yombi yabereye imbere y'inteko y'abacamanza yuzuye, Ubushinjacyaha buhagarariwe na Jean-Bosco Mutangana hamwe na Bonaventure Ruberwa (« Ubushinjacyaha »), naho Jean Uwinkindi wari uhibereye yari ahagarariwe na Avoka wungirije, ari we Jean-Baptiste Niyibizi (« Avoka wunganira uregwa »).

4. Mu iburanisha ryo ku itariki ya 4 Kamena 2014, Ubushinjacyaha bwakomeje butanga impinamyanzuro yabwo, by'umwihariko butanga incamake y'ubuhamya buzatangwa n'abatangabuhamya.

5. Igihe yatangaga incamake y'ubuhamya bw'umutangabuhamya umwe, umushinjacyaha yavuze ko uwo mutangabuhamya (utaratanze ubuhamya mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda – « TPIR ») yasabye ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano we, maze ibyo biba imbarutso y'ingingo zikurikira zatanzwe mu magambo ku kibazo cy'ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya.

---

[2] Umugenzuzi yakurikiye amaburanisha abifashijwemo n'umusemuzi.

6. Urugereko rwabajije impamvu abatangabuhamya batasabye mbere ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano wabo. Umushinjacyaha yasubije ko Ubushinjacyaha bwumva ko abatangabuhamya bose bagomba gushyirirwaho ingamba zimwe zo kurinda umutekano wabo, baba babisabye cyangwa batabisabye. Umushinjacyaha yatanze igitekerezo ko igihe abatangabuhamya bitabye Urugereko rwajya rubabaza impamvu basabye ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano wabo. Umushinjacyaha yavuze ko abona kwemera ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya nta ngaruka mbi byagira k'uregwa kubera ko azaba azi umwirondoro w'abatangabuhamya. Avoka wunganira uregwa yasubije ko atabona impamvu Ubushinjacyaha bwakomeza gusaba ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya batigeze babyisabira ubwabo.

7. Urugereko rwabajije impamvu Ubwunganizi burwanya ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya kandi buzi imyirondoro yabo. Uwinkindi yavuze ko abatangabuhamya bakwiye kugaragaza ko gutanga ubuhamya kwabo hari ibibazo runaka kwabateza, kugira ngo haboneke impamvu yo kwemera ko hafatwa ingamba zo kubarindira umutekano. Uwinkindi yavuze ko ubusabe bwo kurinda umutekano w'abatangabuhamya nta mpamvu zerekanwe, butuma umuntu akeka ko abo batangabuhamya batazavugisha ukuri. Uwinkindi yavuze ko nta mpamvu abona yatuma umutekano w'abatangabuhamya uhungabana.

8. Urugereko rwabajije niba Ubushinjacyaha bwarasabye ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya batatanze ubuhamya mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda ( « Abatangabuhamya batari aba TPIR ») kubera gusa ko abandi batangabuhamya batanze ubuhamya mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (« Abatangabuhamya ba TPIR »), mu yandi magambo, rwabajije niba Ubushinjacyaha bwifuza ko habaho ingamba zimwe zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya ba TPIR n'uw'abatari aba TPIR.

9. Umushinjacyaha yasubije ko icyifuzo cyabwo gishingiye ku Ngingo ya 15 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda isobanura inshingano y'urukiko

yo gukora ku buryo habaho ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya[3]. Umushinjacyaha yavuze ko ingamba zo kurinda umutekano zagombye kugenwa mbere y'uko umutangabuhamya yitaba urukiko, bitabaye ibyo rubanda bazamenya umwirondoro we umunsi wo kwitaba urukiko bityo ntibibe byaba bigishobotse kurinda umutekano wabo.

10. Urugereko rwabajije niba Ubushinjacyaha bushaka kuvuga ko kuri buri mutangabuhamya hagomba kugenwa ingamba zo kumurindira umutekano. Ubushinjacyaha bwemeye ko kugena ingamba zo kurinda umutekano w'umutangabuhamya atari ikintu kigomba gukorerwa byanze bikunze buri wese, ariko buvuga ko Ingingo ya 15 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda iteganya ko urukiko rufata ingamba za ngombwa kugira ngo umutekano w'abatangabuhamya urindwe. Ubushinjacyaha bwongeyeho ko bishoboka ko umutangabuhamya wa TPIR washyiriweho ingamba zo kurinda umutekano ashobora kuzavuga ko atagikenye izo ngamba kugira ngo atange ubuhamya mu Rwanda. Ubushinjacyaha bwanavuze ko urukiko rukwiriye kubaza buri mutangabuhamya niba yifuza ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano we, ko ariko nta cyo byaba bimaze aramutse abibajijwe mw'iburanisha mu ruhame. Bityo rero, Ubushinjacyaha buvuga ko icyifuzo cyabwo gisaba ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya bose ari uburyo bwo kwirinda ibibazo, kugeza igihe hazafatirwa icyemezo gikwiye kuri buri mutangabuhamya.

---

[3] Umugenzuzi asanga Ingingo ya 15 y' « Itegeko N° 47/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda » (« Itegeko rigena kwimura imanza ») iri ku nteruro yitwa « Umutekano w'abatangabuhamya n'inkunga ibagenerwa », mu gika cya mbere igira iti : « Imanza zimuriwe mu Rwanda zivuye muri TPIR, mu Rwego cyangwa mu bindi bihugu Urukiko Rukuru rugena uburyo bukwiye bwo kurinda umutekano w'abatangabuhamya, kandi rufite ububasha bwo gutegeka ko hashyirwaho ingamba zo kubarindira umutekano zimeze kimwe n'izivugwa mu ngingo ya 53, iya 69 n'iya 75 z'amategeko agenga imiburanishirize n'itangwa ry'ibimenyetso y'Urwego ».

11. Avoka wunganira uregwa yavuze ko icyifuzo cy'Ubushinjacyaha gisaba ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano gishingiye ku mpamvu zitazwi. Yongeyeho ko Ubushinjacyaha bwagombaga kuba bwarabajije abatangabuhamya niba bakeneye ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano wabo, ku babyemeye bugatanga impamvu zerekana ko gutanga ubuhamya byatuma umutekano wabo uhungabana. Avoka wunganira uregwa yatsindagiye ko amaburanisha yose akwiriye kubera mu ruhame, ibyo bikaba byafatwa nk'ihame.

12. Urukiko rwabajije niba icyifuzo cy'Ubushinjacyaha gisaba ko hagenwa ingamba zo kurinda umutekano kireba abatangabuhamya bose. Ubushinjacyaha bwavuze ko hashingiwe ku Ngingo ya 15 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda, abatangabuhamya bose bagomba guhabwa umwanya wo kuvuga ku kibazo cy'ingamba zo kurinda umutekano wabo.

13. Nyuma y'isubika ry'urubanza, Urugereko rwariherereye rusesengura iki kibazo maze rutegeka Ubushinjacyaha kuzatanga mbere y'iburanisha rizakurikiraho urutonde rw'abatangabuhamya bose bifuza ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano wabo, no gutanga impamvu kuri buri wese kugira ngo Urugereko ruzabashe gutanga icyemezo cyarwo mu iburanisha ritaha. Ubwunganizi na bwo bwasabwe gukora nk'ibyo ku batangabuhamya bashinjura. Urugereko rwatangaje ko iburanisha rizasubukurwa ku itariki ya 12 Kamena 2014.

14. Mu iburanisha ryo ku itariki ya 12 Kamena 2014, Ubushinjacyaha bwavuze ko Ingingo ya 15 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda hamwe n'Ingingo ya 75 n'iya 69 z'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya TPIR ashyiraho inshingano yo kurinda umutekano w'abatangabuhamya. Umushinjacyaha yavuze ko kubanza kwasasa umwirondoro w'abatangabuhamya hanyuma ugasaba ko hagenwa ingamba zo kubarindira umutekano igihe batanga ubuhamya imbere y'Urugereko byaba binyuranyije n'aya mategeko. Umushinjacyaha yamenyesheje urukiko ko Ubushinjacyaha bwavuganye n'abatangabuhamya batanu batari aba TPIR kugira ngo

bumenye niba bifuza ko hafatwa ingamba zo kubarindira umutekano, batatu muri bo bakaba baravuze ko bakeneye kurindirwa umutekano, naho babiri bakaba baravuze ko bazatanga ubuhamya mu iburanisha mu ruhame. Umushinjacyaha yasabye urukiko gutegeka ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano kuri abo batatu, kandi ko bazatanga impamvu igihe bazaba bitabye urukiko. Umushinjacyaha yasabye kandi ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano ku batangabuhamya 19 Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rwageneye bene izo ngamba.

15. Uwinkindi yavuze ko ataganiriye kuri icyo kibazo n'avoka umwunganira kubera ko ari bwo Ubushinjacyaha bwari bukimugezaho urwo rutonde. Ku birebana n'abatangabuhamya batanu batari aba TPIR, Uwinkindi yavuze ko batatu muri bo bemeje ko bazatanga ubuhamya mu ruhame, bityo akaba abona ko kuri bo nta mpamvu yo kugena ingamba zo kubarindira umutekano. Uwinkindi yavuze kandi ko ku batangabuhamya 19 ba TPIR, 17 muri bo bemeye kuzatanga ubuhamya mu iburanisha mu ruhame.

16. Uwinkindi yabyukije ikibazo kinyuranye n'ikimaze kuvugwa, asaba icyemezo cyo kwitaba Imana ku batangabuhamya babiri bivugwa ko bapfuye. Uwinkindi yavuze kandi ko ku mutangabuhamya umwe icyo cyemezo kiriho, ariko ko kitatanzwe na dogiteri. Uwinkindi yavuze ko ku mutangabuhamya umwe wapfuye mu mwaka wa 2010, Ubushinjacyaha bwavuze ko bwari bwaramubajije niba yarifuzaga ko hafatwa ingamba zo kumurindira umutekano.

17. Avoka wunganira uregwa yavuze ko ku birebana n'Ingingo ya 15 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda, u Rwanda ari igihugu cy'amahoro, hakaba nta mpamvu abona yatuma urukiko rufata ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya.

18. Umushinjacyaha yamenyesheje urukiko ko Ubushinjacyaha bugitegereje ibyemezo byo kwitaba Imana ku batangabuhamya babiri bavuzwe, kandi ko buzabishyikiriza Ubwunganizi igihe bizabonekera. Umushinjacyaha yavuze ko ku batangabuhamya bapfuye, ingamba zo kurinda umutekano zitareba abo batangabuhamya gusa, ko ahubwo

zishobora no gukenerwa ku bantu bo mu miryango yabo.

19. Umushinjacyaha yasobanuye ko n'iyo umutangabuhamya yashyiriweho ingambo zo kumurindira umutekano atanga ubuhamya mu iburanisha mu ruhame, rubanda batagomba kumenya umwirondoro we cyangwa ngo kumureba. Umushinjacyaha yavuze kandi ko Ingingo ya 15 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda idashobora gufatwa yonyine ukwayo, kubera ko ijyana n'Ingingo ya 69 n'iya 75 z'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya TPIR zirebana n'ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya. Umushinjacyaha yavuze ko kuba avoka wunganira uregwa avuga ko u Rwanda ari igihugu cy'amahoro bidahagije, kuko no mu bihugu birimo amahoro haba ibikorwa byo guhohotera abantu. Yongeyeho ko uregwa, n'avoka umwunganira bazashobora kubona abatangabuhamya bose mu rukiko, bityo uburenganzira bw'uregwa bukaba butazabangamirwa. Umushinjacyaha yanavuze ko hashingiwe ku Ngingo ya 75 y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, uregwa ari we ufite inshingano yo kugaragaza ko ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya zibangamira uburenganzira bwe. Umushinjacyaha yavuze ko iyi ngingo idasaba abatangabuhamya gutanga ibimenyetso bihamya ko bakeneye ifatwa ry'ingamba zo kurinda umutekano wabo, ko ahubwo uregwa ari we agomba kugaragaza ko izo ngamba zibangamira uburenganzira bwe. Mu kwanzura, umushinjacyaha yashimangiye ko abatangabuhamya batatu batari aba TPIR bakeneye ingamba zo kubarindira umutekano.

20. Avoka wunganira uregwa yasubije ko Urugereko rugomba gusuzuma niba izo ngamba zikenewe, rushingiye ku mpamvu zatanzwe mu cyifuzo cy'Ubushinjacyaha. Yavuze kandi ko kugeza ubu nta buhamya bw'abatangabuhamya bwanditse buriho bugaragaza impamvu z'ibyo byifuzo. Kubera ko iburanisha ryo mu ruhame ari ryo hame rigenderwaho, naho ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya zikaba irengayobora, abatangabuhamya bakwiriye gusabwa kugaragaza impamvu batinya gutanga ubuhamya

mu ruhame.

21. Uwinkindi yavuze ko niba abatangabuhamya barivugiye ko bazatanga ubuhamya mu ruhame, ibyo bishatse kuvuga ko umwirondoro wabo udakwiriye kugirwa ibanga. Yongeyeho ko hakurikijwe Ingingo ya 14 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda, urubanza rutaba ruciwe ku buryo buboneye abatangabuhamya baramutse bahishiriwe. Uwinkindi yatanze igitekerezo cy'uko Ubushinjacyaha bushaka ko abatangabuhamya batamenyekana kubera ko ubuhamya bazatanga butazaba bubavuye ku mutima. Yaboneyeho gusobanura ko Urugereko na rubanda bakwiriye kugira uburyo bwo gusuzuma niba ubuhamya bw'abatangabuhamya bwakwemerwa, haherewe ku buryo abo batangabuhamya bitwara no ku bimenyetso by'umubiri byagaragaza uko bamerewe. Yanzuye avuga ko ibyo bidashoboka abatangabuhamya baramutse bahishiriwe ku buryo rubanda rutababona.

22. Umushinjacyaha yasubije ko itegeko ryatanzwe n'urukiko ryasabaga gusa ko hakwerekanwa abatangabuhamya bifuje ko hafatwa ingamba zo kubarindira umutekano, Ubushinjacyaha bukaba butaritaye ku mpamvu ibyo byifuzo byabo bishingiyeho kubera ko urukiko rushobora kuzazisuzuma ubwo abo batangabuhamya bazaba bitabye urukiko, n'Ubwunganizi bukaba buzabona umwanya wo kubabaza ibibazo icyo gihe. Umushinjacyaha yasabye urukiko kwibutsa Uwinkindi ko azabona abatangabuhamya bose, akababaza ibibazo, akanamenya umwirondoro wabo, akaba kandi azabasha kubona imyitwarire yabo n'ibimenyetso by'umubiri byagaragaza uko bamerewe.

23. Uwinkindi yavuze ko itegeko riteganya ko amaburanisha agomba kubera mu ruhame, ko rubanda rushobora guhezwa gusa iyo hari impamvu zidasanzwe. Ibi bijyanye n'Ingingo ya 19 y'Itegeko Nshinga, n'Iya 14, igika cya 1 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda.

24. Urugereko rwemeje ko rwashyikirijwe urutonde rw'abatangabuhamya bashinja basaba kurindirwa umutekano, maze ruvuga ko bagomba kuzitaba urukiko bagasobanura impamvu bakeneye ingamba zo kubarindira umutekano. Ibi kandi birareba

n'abatangabuhamya ba TPIR barindiwe umutekano, kubera ko bashobora kumenyesha urukiko ko batagikeneye kurindirwa umutekano. Ku birebana n'abatangabuhamya bitabye Imana, urukiko rwatanze igitekerezo ko abantu bo mu miryango yabo bashobora gusaba ko ingamba zarindaga umutekano wa nyakwigendera wo mu muryango wabo zikomeza.

25. Umushinjacyaha yavuze ko ku birebana n'abatangabuhamya bitabye Imana byagorana kugaruka ku cyemezo cyashyiragaho ingamba zo kubarindira umutekano. Urukiko ntirwamenya abantu bo mu muryango wa nyakwigendera rugomba guhamagaza kugira ngo rubabaze niba umuryango wifuza ko ingamba zo kurinda umutekano zigumaho, kandi nta n'ubwo rwabasha gukoresha inama y'umuryango kugira ngo yemeze uzavuga mu izina ryawo.

26. Avoka wunganira uregwa yavuze ko nta ho umuntu yahera yemeza ko ingamba zo kurinda umutekano w'umutangabuhamya zikomeza nyuma y'urupfu rwe. Yavuze kandi ko abantu bo mu muryango w'umutangabuhamya batagombye kurindirwa umutekano, uretse igihe nabo ubwabo babikeneye. Umushinjacyaha yasubije ko n'iyo umutangabuhamya yitabye Imana, icyemezo kigena ingamba zo kumurindira umutekano gikomeza kubahirizwa. Yakomeje gushimangira ko abatangabuhamya bitabye Imana bakomeza kurengerwa n'ingamba zo kurinda umutekano.

27. Uwinkindi yavuze ko urukiko rukwiriye kureba niba hari impamvu zemewe zatuma rufata ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya 19 ba TPIR na batatu batari aba TPIR.

28. Abacamanza bagize inteko babigiyeho impaka, maze bemeza ko abatangabuhamya bose bo ku mpande zombi bagomba kwitaba urukiko mu iburanisha rizakurikiraho kugira ngo Urugereko ruzashobore kwemeza muri bo abagomba gushyirirwaho ingamba zo kurinda umutekano. Urugereko rwemeje ko iburanisha rizakurikiraho rizaba ku itariki ya 2 Nyakanga 2014.

29. Avoka wunganira uregwa yavuze ko Ubwunganizi batabashije gushyikirana

n'abatangabuhamya bashinjura bose. Yongeyeho ko igihe bahawe cyo gushyikirana na bo ari gito cyane, kandi ko badafite amikoro yo gukora uwo murimo. Kubera ibyo, avoka wunganira uregwa yasabye ko bakongererwa igihe. Ubushinjacyaha ntibwarwanyije icyo cyifuzo. Urugereko rwemeye icyo cyifuzo, rutangaza ko abatangabuhamya bashinjura bazahamagazwa nyuma.

C. ***Umubonano na Uwinkindi***

30. Umugenzuzi utanze iyi raporo yabonanye na Uwinkindi muri Gereza nkuru ya Kigali (« Gereza ») ku itariki ya 6 Kamena 2014. Baganiriye babifashijwemo n'umusemuzi.

31. Uwinkindi yagaragaje impungenge afite ku birebana n'umusemuzi. Umugenzuzi yamusobanuriye ko uwo musemuzi yarahiriye imbere ya MICT ko azakora akazi ke nta kubogama kandi ko azubahiriza ibanga ry'akazi.

32. Ku birebana na raporo z'ubugenzuzi n'ibyemezo bya Perezida wa MICT, Uwinkindi yavuze ko atifuza ko bamushyikiriza inyandiko iyo ari yo yose iri mu rurimi rw'icyongereza cyangwa urw'igifaransa, ko yifuza guhabwa inyandiko zisemuye mu rurimi rw'ikinyarwanda gusa

33. Uwinkindi yavuze ko ahangayikishijwe no kuba nta gisubizo yigeze ahabwa ku bibazo yabajije mu mibonano yagiranye mbere n'abagenzuzi.

34. [BYARASIBWE]

35. [BYARASIBWE]

36. [BYARASIBWE]

37. [BYARASIBWE]

38. [BYARASIBWE]

39. [BYARASIBWE]

40. [BYARASIBWE]

41. Uwinkindi yabyukije ikindi kibazo gitandukanye n'ibimaze kuvugwa, avuga ko urukiko rutemeye ko habaho impaka ku kibazo cy'ingenzi cyerekeye umwirondoro we. Yasobanuye ko Ubushinjacyaha bwakoresheje izina rya « Jean-Bosco » mu rwandiko rwo kumufata, ndetse mu iburanisha ryaherukaga Perezida w'iburanisha akaba yarahamagaye « urubanza rwa Jean-Bosco ». Uwinkindi yasobanue ko atitwa Jean-Bosco, maze avuga ko aho gukosora izina ry'uregwa kugira ngo rihure n'irye, Ubushinjacyaha bwari bukwiriye kuba bwararetse urubanza rugakuraho ibirego bumushinja.

42. Uwinkindi yongeye gushimangira ko nta mafaranga ahari yo gukoresha iperereza rigamije gushaka abatangabuhamya bazaza gushinjura. Yavuze ko mbere y'uko urubanza rwimurwa, Guverinoma yari yemeye ko Ubwunganizi buzahabwa amafaranga yo gukoresha. Uwinkindi yavuze ko nyamara ku rundi ruhande, Ubushinjacyaha bugikomeza kuvugana n'abatangabuhamya bashinja no gushakisha abandi.

43. Uwinkindi yavuze ko ibibazo by'ibura ry'amafaranga bigira ingaruka ku buryo yunganirwa. Abamwunganira bari bijejwe ko bazahabwa igihembo, ariko si ko byagenze. Uwinkindi ahangayikishijwe kandi n'Iteka rya Minisitiri riherutse gusoka ritegeka abaregwa bose kwishyura amafaranga akoreshwa mu rubanza harimo n'ayo kuzana no gucumbikira abatangabuhamya, ibi bikaba binyuranye n'ibyakorwaga mbere, aho ibyo byishyurwaga na Guverinoma. Uwinkindi yavuze kandi ko kubera iryo teka rya minisitiri, abafungwa bamwe na bamwe batagisinyira ibiribwa bahabwa kubera ko batinya ko bazabyishyuzwa nibaramuka bahamwe n'icyaha.

44. Ku birebana n'uburyo afashwe muri gereza, Uwinkindi yavuze ko nta cyo anenga ku mirire yo muri gereza. Yabyukije ariko ibibazo bibiri. Yamenyesheje umugenzuzi ko yasabye kopi ya dosiye ye yo kwa muganga y'igihe yari muri gereza ya TPIR no muri gereza [yo mu Rwanda], ariko ko icyifuzo cye kitemewe. Ishami rishinzwe ubuvuzi

ryamwijeje ko dosiye ye yo kwa muganga yuzuye, ariko akaba we ashidikanya ko yaba koko yuzuye, cyane cyane ko banze ko ayibona. Uwinkindi yijujutira kandi kuba afungiwe mu gipangu cyihariye cya gereza hamwe n'abandi bantu batatu gusa[4], kubera ko bimutera guhangayika mu mitekerereze ye. Yongeyeho ko iyo agiye mu mihango y'idini aba aherekejwe, kandi ko atemererwa kuvugisha abandi bafungwa.

### *D. Umubonano n'Umukuru w'Ishami ryita ku batangabuhamya*

45. Ku itariki ya 9 Kamena 2014, umugenzuzi yabonanye na Janvier Bayingana, akaba ari Umukuru w'Ishami ryita ku batangabuhamya ukorera mu Rukiko rw'ikirenga.

46. Bayingana yamenyesheje umugenzuzi ko ishami ayobora rivugana n'abatangabuhamya gusa iyo batangiye kwitaba urukiko. Ku birebana n'ingamba zo kurinda umutekano, Bayingana yavuze ko iyo urukiko rufite impamvu zihagije zituma rusuzuma icyifuzo gisaba ko hafatwa ingamba zo kurinda umutekano w'umutangabuhamya, ishami ayobora nta ruhare ribigiramo. Yavuze ariko ko iyo urukiko rusabye isuzuma ku bibazo bishobora kubaho kugira ngo birufashe mu gufata icyemezo, ishami ayobora riba ryiteguye gutanga iyo nkunga. Ku byerekeye ingamba zo kurinda umutekano zagenwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, Bayingana avuga ko kuri we yumva izo ngamba zizakomeza kubahirizwa no mu nkiko z'u Rwanda.

47. Kubera icyemezo urukiko rwafashe ku itariki ya 12 Kamena 214 kivuga ko abatangabuhamya bose harimo n'aba TPIR bagomba kwitaba urukiko bagatanga impamvu basaba ko hafatwa ingamba zo kubarindira umutekano, umugenzuzi yavuganya na Bayingana kuri telefone ku itariki ya 23 Kamena 2014, Bayingana akaba yaramumenyesheje ko yibukije urukiko ko hari ingamba zagenwe na TPIR. Bayingana yasobanuye neza ko mu iburanisha riteganyijwe kuba ku itariki ya 2 Nyakanga 2014,

[4] Igipangu cyihariye cyo muri gereza kirimo abafungwa babiri bimuriwe mu Rwanda boherejwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda – Uwinkindi na Bernard Munyagishari –, n'abandi bafungwa babiri boherejwe n'inkiko z'ibindi bihugu.

urukiko ruzafata icyemezo ku birebana gusa n'ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya batatu batari aba TPIR.

## E. *Umubonano n'Umuyobozi wa gereza*

48. Ku itariki ya 11 Kamena 2014, umugenzuzi yabonanye na Alex Murenzi, akaba ari umuyobozi wa gereza.

49. Ku birebana n'ihererekanya ry'inyandiko, Murenzi yasobanuye ko kubera impamvu z'umutekano, inyandiko zose zohererezwa abafungwa cyangwa izo bohereza zigomba kunyuzwa ku buyobozi bwa gereza. Murenzi yavuze ko iyo ari inyandiko y'ibanga yoherejwe na MICT cyangwa iyo MICT yohererejwe, itangwa mu ibahasha iriho ubujeni yanditseho ko ari ibanga. Ubuyobozi bwa gereza ntibufungura ibahasha zifunze zirimo inyandiko z'ibanga, bwandika gusa mu gitabo itariki iyo nyandiko itangiweho, ubundi bukayishyikiriza uwo igenewe. Murenzi yasobanuye ko abagenzuzi bemerewe guhererekanya inyandiko na Uwinkindi na Munyagishari batanyuze ku wundi muntu, nyuma yo kuzandikisha mu buyobozi bwa gereza.

50. Ku birebana n'amakuru arebana na dosiye z'ubuzima bw'abafungwa, Murenzi yavuze ko abafungwa bose bafite uburenganzira bwo kumenyeshwa ibiri muri dosiye zabo zo kwa muganga.

## F. *Umubonano n'Avoka wungirije*

51. Ku itariki ya 12 Kamena 2014, umugenzuzi yabonanye na Niyibizi, avoka wungirije wa Uwinkindi. Kubera ko Niyibizi ari na we avoka mukuru wunganira Munyagishari, bavuganye kuri izo manza zombi. Niyibizi avuga ko mu miburanishirize, urubanza rwa Uwinkindi rumaze kugira aho rugera ugereranyije n'urwa Munyagishari rukiri mu cyiciro kibanziriza iburanisha.

52. Ku birebana n'igihembo cy'abagize ikipe y'Ubwunganizi, Niyibizi yavuze ko hari amasezerano yasinywe m'Ugushyingo 2013 ateganya ko abavoka bombi bazajya

bahembwa buri wese miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 Frw) buri kwezi. Yongeyeho ariko ko nta masezerano ariho yerekeye uburyo bwo gutanga amafaranga akoreshwa mu iperereza rikorwa n'Ubwunganizi. By'umwihariko, kubera kubura amikoro, Ubwunganizi ntibushobora gushyikirana n'abatangabuhamya bashinjura batuye mu mahanga. Niyibizi avuga ko Ubwunganizi bukeneye gukomeza kuvugana na Minisiteri y'Ubutabera ku kibazo cy'inkunga ihabwa abadashobora kwiyishyurira abavoka.

53. Niyibizi yavuze ko kubera kubura amikoro, Ubwunganizi bwasabye urukiko kuzasuzuma nyuma ikibazo kirebana n'ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya bashinjura[5].

54. Niyibizi yavuze ko imiburanishirize mu rubanza rwa Uwinkingi yarushijeho kuba myiza. Mbere abagize Ubwunganizi babaga bahagaze mu gihe cyose cy'iburanisha cyashoboraga kugera ku masaha atandatu ku munsi, kandi bahabwaga igihe gito cyo kugira icyo babwira urukiko, ndetse bakanabarogoya buri kanya iyo babaga bafashe ijambo. Nyuma yaho, Ubwunganizi bwatanze icyifuzo kirebana n'ibi bibazo, maze mu iburanisha ryo ku itariki ya 14 Gicurasi 2014, Urugereko rwemera ibikubiye muri icyo cyifuzo[6]. Kubera ibyo, ubu abagize Ubwunganizi bemerewe kwicara iyo badafite ijambo bageza ku rukiko, kandi bahabwa igihe gisumbyeho cyo kuvuga.

## G. *Igitekerezo bwite cy'umugenzuzi*

55. Umugenzuzi aributsa Perezida ingingo yo mu mategako yo mu Rwanda isa n'aho itajyana n'ibivugwa mu Mategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'ibimenyetso ya MICT (« Amategeko »).

56. Ingingo ya 10 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda igira iti:

---

[5] Reba igika cya 31 hano hejuru.

[6] Reba Urubanza Porokireri aburana na Uwinkindi, N° MICT-12-25, Raporo y'ubugenzuzi irebana n'ukwezi kwa Gicurasi 2014, inyandiko itari ibanga, yo ku itariki ya 4 Nyakanga 2014, ibika 7 na 63.

Iyo ubuhamya umutangabuhamya urindiwe umutekano yatanze mu rukiko cyangwa hanze bushyizwe muri dosiye y'urubanza, umwirondoro w'uwabutanze ntutangarizwa rubanda, keretse iyo bitangiwe uruhushya n'Urwego cyangwa nyir'ubwite. Iyo uwo mutangabuhamya ahamagajwe kugira ngo abazwe ibibazo binyomoza, rubanda ntimenyeshwa ko yatanze ubuhamya muri TPIR cyangwa Urwego keretse iyo bitangiwe uruhushya n'urwego cyangwa nyir'ubwite[7].

57. Kubera ko iyi ngingo yemera ko ingamba zo kurinda umurekano zagenwe na TPIR cyangwa MICT zishobora guhindurwa iyo umutangabuhamya abitangiye uruhushya, isa n'aho itajyana n'Ingingo ya 86(H) n'iya 86(J) z'Amategeko ya MICT[8].

58. Umugenzuzi asanga ariko Ingingo ya 29 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda igira iti:

Ibiteganywa n'iri tegeko birebana n'ibyakozwe na TPIR bikomeza kugira agaciro kabyo mu gihe bitanyuranyije n'icyemezo n° 1966 cy'Inama y'Umuryango

---

[7] Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda, Ingingo ya 10 iri ku nteruro yitwa « Ubuhamya abatangabuhamya batanze muri TPIR cyangwa mu Rwego », igika 3.

[8] Ingingo ya 86(H) igira iti:

> Umucamanza cyangwa inteko y'abacamanza bo mu rundi rukiko rwaregewe, umuburanyi wese muri urwo rukiko wabyemerewe n'ubucamanza bubifitiye ububasha, cyangwa uwakorewe icyaha cyangwa umutangabuhamya urindiwe umutekano hakurikijwe ingamba zashyizweho na TPIY, TPIR cyangwa MICT, bashobora kugeza icyifuzo cyabo kuri Perezida wa MICT nawe akagishyikiriza umucamanza umwe rukumbi cyangwa Urugereko bagifite urwo rubanza, asaba ko havanwaho, hahindurwa cyangwa hakongerwa ingamba zo kurinda umutekano zemejwe mu rubanza rwaregewe TPIY, TPIR cyangwa MICT.

Ingingo ya 86(J) y'Amategeko ya MICT igira iti:

> Uwakorewe icyaha cyangwa umutangabuhamya ashobora kwivutsa ingamba zose zimurindira umutekano cyangwa zimwe muri zo zafashwe hakurikijwe iyi Ngingo, ariko Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo cyangwa Agashami kita ku bakorewe ibyaha no batangabuhamya bibanza kumumenyesha ingaruka z'icyemezo cye. Icyemezo cyo kwivutsa izo ngamba gishyikirizwa Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo cyangwa gikorwa mu nyandiko isinyweho n'uwakorewe icyaha cyangwa n'umutangabuhamya hamwe n'umukozi wo mu gashami kita ku bakorewe ibyaha no ku batangabuhamya.

w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku isi cyo kuwa 22 Ukuboza 2010, n'Amategeko y'Urwego Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso.

59. Ikibazo cy'ingamba zo kurinda umutekano w'abatangabuhamya (harimo n'izagenwe na TPIR) cyagiweho impaka mu maburanisha yombi yabaye mu kwezi kwa Kamena 2014[9]. N'ubwo icyo gihe Ingingo ya 10 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda itavuzwe (baba ababuranyi cyangwa abandi barebwa n'ikibazo nta wigeze ayifashisha), umugenzuzi asanga kuba isa n'aho itajyana n'ibiteganywa n'Amategeko ya MICT, hatitawe ku biteganywa n'Ingingo ya 29 y'Itegeko rigena kwimurira imanza muri Repubulika y'u Rwanda, ari ikintu Perezida yakwitaho muri rusange.

## III. UMWANZURO

60. Umugenzuzi yiteguye gutanga amakuru yose y'inyongera yasabwa na Perezida.

Murakoze,

Jelena Gudurić (Umukono)

Umugenzuzi mu rubanza rwa Uwinkindi

Bikozwe kuri uyu munsi wa 16 Nyakanga 2014
I Kigali,
Repubulika y'u Rwanda

[9] Reba cyiciro B haruguru